




# KANGURA



**IMANA IGUHA ICYO WAYISABYE.  
 AFA BAGABO NIBO BAFITE UMUTI  
 WIKIBAZO CY'URWANDA.  
 NIBASHAKA KO TWONGERA  
 KWICWA NINTAMBARA TUZAPHA,  
 NIBASHAKA KO IBIBAZO BIKEMURWA  
 MUMAHORO BIZAKEMURWA  
 IKIBABAJE NUKO BAZADUSABIRA  
 ICYIZATURIMBURA.**

GIHURIDINOMA WA BATABAZI YAGIJE I KIGALI MURUKIYO

**Bimeze bite mu nkotanyi ? ubu duteye inkotanyiurugamba rwamera rute ?****EDITORIAL**

mu Rwanda no mu mahanga buri muntu aribaza uko byagenda haramutse harose indi ntambara, ibyo akenshi babihera ku byahise. Uko urugamba rwatangiye kuva 1990 kugeza 1994. ibintu byose byabaye kuva aho iyi ntambara itangiriye bituma abantu bose baba abahutu baba abatutsi bibaza uko byagenda intambara yongey. kurota. bamwe bati inkotanyi zarateye maze abahutu bihimura ku batutsi bityo bituma abahutu batsindwa maze basohoka mu gihugu, abandi bati igihe urugamba rwari rukomeye bamwe mu basirikare biraye mu bintu bya bandi maze barabisahura ntibita kubyo kurwana maze igihugu gifatwa gityo. Abandi bati intambara y'abavandimwe birakomeye kuyisohanukirwa cyane iyo bavuga ururimi rumwe, kubera ibyo byose dusanze ari ngombwa kugira icyo dusesengura kuri icyo nyandiko

**INTAMBARA Y'UKWAKIRA YARI IFITE SHUSHO KI ?**

ABATUTSI BAJYA GUTERA NTA MAHIRWE N'AMACYE BARI BAFITE YO GUTSINDA INTAMBARA, USIBYE KO BAJE KUGIRA AMAHIRWE BAGASANGA IMBERE MU GIHUGU HARI AMASHYAKA NAYO YAHARANIRAGA KO IBINTU BYAHINDUKA BAKABA BARI BASHYAMIRANYE NA M.R.N.D. YALI KU BUTEGETSI, UBWO BAFATANYA NA FPR MAZE BAYITIZA INGUFU BATITAYE MU KUREBA AHO BEREKEZA IGIHUGU. Ubwo FPR YABONYE INGUFU NYINSHI IKORESHA N'AMAFRANGA MU KUGURA IBYITSO IMBERE MU GIHUGU HABA MU NZEGO Z'UBUTEGETSI

**HABA MU GISIRIKARE.****ABANTU BITAYE KU NYUNGU ZABO MAZE BIBAGIRWA IGIHUGU**

Ubwo amasezerano ya Arusha yatangiye wasangaga abantu bareba gusa inyungu zabo bakibagirwa izi gihugu cyabo, ugasanga umuntu ajanywe Arusha no guhirika Habyalimana gusa, ariko ntarebe aho igihugu kirerekerera nyuma yuko Habyalimana ahirirye. Abandi ugasanga bagiye Arusha bagiye gushigikira Habyalimana gusa, ariko batarebye aho berekeza igihugu, kuko mukumushigikira bagiraga ngo bigumire mu myanya yabagabiye. Ubwo FPR yo nta ngorane yari ifite kuko byagushaga mu kwayo, bikagwa aho ishaka gusa kandi yanabonaga byose bigenda neza kuko ubutegetsi yabuhabwaga na bene bwo babahutu bari bamaze kuburengwa batari banakizi akamaro kabwo.

**URUHALE RWA MASHYAKA MU GUTSINDWA KWACU.**

Amwe mu mashyaka yo muri oposition yahaye umusanu ugaragara FPR, maze uwitwa RUGENERA wari uhagarariye PSD muri Guverinoma sugukotana arasizora. Ubwo yanga kugurira intwari igihugu, impapuro zo kugura intwari za mugeraho akazifata akazica kugeza ubwo hakozwe impapuro zo kugura ibyuma byo gukora indege yakajugujugu Perezida yagendagamo maze azicira imbere y'uwaru azimuzaniye. Ubwo igihugu kibura amasasu gityo, maze na mashyaka yari ashyamiranye na M.R.N.D ashyigikira atyo icyifuzo cya Rugenera. Haba mu myigaragambyo, haba mu magambo ku buryo amashyaka yose yemezaga ko kugura intwari ari ugusubiza igihugu mu ntambara.

**URUPFU RWA HABYALIMANA NO GUTSINDWA KWACU:**

Ubwo Habyalimana yari amaze gupfa FPR ifatanije n'abayishyigikiye yatangiye imirwano ubwo amahanga afatira urwanda ambargo, bamwe mu basirikare bakabona ko badashobora kurwana nta masasu, ibyo bikaba na

bimwe mu byatumye haboneka ubusahuzi mu gihugu, abandi bakihutira mu guhungisha imiryango yabo ibyo bikanakurikirwa no kwihimura kwa bamwe bica abo batemera cyangwa bafite ibyo bapfa. Ibibazo byaje kuba byinshi, nubwo mu ntambara abantu bose baje kumva kimwe icyo FPR yifuza maze bagahagurukira rimwe mu kuyirwanya. Isomo twasohokanye nuko abahutu bafashije inkotanyi ubu barimo bicuza, abo inkotanyi zitari zica ubu tukaba turi hamwe mu buhungiro abandi akaba ariko batagira ijamba mu Rwanda barimo ba Twagiramungu n'abandi nkawe.

**BYAGENZE BITE INKOTANYI ZIMAZE GUFATA UBUTEGETSI ?**

Ikosa rya mbere inkotanyi zakoze nukubwira abatutsi, ngo nibahunguke maze bafate amazu yabahutu, bari bamaze guhunga cyangwa zari zimaze kwica nibyabo byose. Ubwo abatutsi b'isi yose bahagurukiye rimwe maze aho bari mu mahanga baraza biroha mu mazu batubatse batwara bintu bataruhiye bibwira ko batwaye ibyo buntu. icyo kibazo ningorabahizi kuko nta muntu numwe urabona umuti wacyo, ngo abone uko gishobora gukemuka, n go ayo mazu asubizwe bene yo. Irindi kosa FPR yakozwe ubwo yiteguraga gutera yashutse urubyiruko rw'abatutsi imbere mu gihugu, barusaba ko rwaza kunganira FPR ku rugamba. Ubwo buri mwana w'umututsi yababwaga imbunda iherekejwe n'amagambo ateye atya: "IYI MBUNDA NIYO BA BYEYI BAWE NIYO SO NIYO NYOKO NIYO MUVANDIMWE WAVE NIYO IZAGUHESHA IJAMBO MU GIHUGU" cyawe, ubwo urwo rubyiruko barubwiragako rugiye guhirika ingoma y'abahutu yari yarabambuye ubutegetsi 1959. Inkotanyi zimaze gufata ubutegetsi zibinyujije mu rupfu rwa Habyalimana igihugu kizima cyacuze uburakari maze imivu y'amaraso iba ikwirakwiye mu gihugu hose, ku buryo mu gihugu cyose rwa rubyiruko rwagiye mu nkotanyi rwaje gusanga imiryango warwo warahitanywe n'uburakari bw'abahutu. ubwo abo mu gihugu bose batanze abana babo bakajya mu nkotanyi bajyana na Habyalimana. Zimaze gufata ubutegetsi, umwana w'umututsi agasanga asigaranye ya mbunda gusa na rya jambo inkotanyi zamubwiye ko umuryango we ari imbunda ko ariyo mizero ye gusa, ndetse bamwe bagasanga bararwaniye

ko imiryango yabo irimbuka.

### AMACAKUBIRI MUNKOTANYI

Inkotanyi zijya gutera zarimo ibice bitatu, ariko byose bihurira ku kintu kimwe cyitwa umwanzi wazo : umuhutu.

Igice kimwe kifuzaga ko gitsinze nta muhutu numwe wa sigara ko agomba kwicwa agashira, icyo gice akaba ari nacyo cyarakaje abahutu cyane. Iki ndi gice cyumvaga ko abahutu bagomba gusubizwa mubuja gusa, nkuko byari bimeze mu gihe cya gikoroniye. Igice cya nyuma, na cyo cyabonaga ko inkotanyi nizamara gufata ubutegetsi zizasahura ibyo abahutu bari bamaze kugeraho mu myaka mironko itatu aho ibindi akaba ari amahamba.

aho inkotanyi zifatiye ubutegetsi rero guhuza ibyo bice byarananiranye uwibye, ataha Kagame, ubwo bakabipfa, agafatwa, agafungwa, uko gufungwa rero kwaje gutuma inkotanyi zicikamo, ibice maze inyinshi murizo zisanga ko zaruhye ubusa, ko kuri zo icyitwa

### INDAGU ZA MAGAYANE UBU ZIGEZE HE ?

Kubera indagu ze, byatumye abanyarwanda bose bashaka kumenya ibye. Abantu rero bagiyeho bavugaga ibye uko bishakiyeho, ndetse buri wese agashaka kubivugaga yishyira ahaza. Iyi rero ni nayo mpamvu abantu hamwe na bamwe usanga bahinyura iby'indagu ze, ariko zitari zo, kuko baba babwiye ibitari byo. Muri iyi nyandiko turagira ngo turebere hamwe ibyo yavuze, iby' ukuri byabaye n'ibisigaye tutazi ukuri kwabyo neza, tuzabyirwa n'amateka.

### IBYO YAVUZE BYABAYE

1. Yavuze yuko KANYARENGWE azazengereza u Rwanda rero akaba ari nabyo byamuviriyemo kumufungwa muri Gereza ya RUHENGURI.
2. Akigera muri icyo Gereza yabyiye diregitari wayo ko, azayimusangamo. Bidatinze kabiri aba nawe koko arafungwa. Tugarutse kuri icyo cya mbere ntawe koko wakwirengagiza yuko KANYARENGWE yahangayikishije u Rwanda, yica abatutsi none ubu akaba ari ku bahutu. Aho agejeje u Rwanda ntawuhayohewe. Yewe ndetse ni nawe Inyenzi

insinzi ari ugutuma bari mbuka gusa.

### UBU INTAMBARA IBAYE BYAGENDA BITE?

Ubu intambara iramutse ibaye, abatutsi bo mu Rwanda bemeza ko bakwirara mu bahutu bo mu mijyi bakabica bakabamara. Aha ndavugaga ababa basigaye kuko abenshi zabamaze, ikindi gice cy'inkotanyi cyakwihutira gusahura kigira ngo kibone impamba, dore ko hari abemeza ko izizongera guhunga zitazagaruka. Kandi ninako buri inkotanyi yabanza gushaka uko ihungisha umuryango wayo. Mukuwuhungisha ninako zagenda zisahura ngo zibone icyizatangira uwo muryango iyo mu buhungiro. Kubera ko nta muhutu utunze mu Rwanda, ubwo abatutsi bakenye bazihutira gutera abakizwe, maze inkotanyi zisubiraneho, babana babatutsi batakigira ababyeyi icyo bazakora nguhunga mbere yahandi kugira ngo urugamba rutabafitiye inyungu rutabatsamba burundu, maze bigire mu mahanga kwishakira abagore ngo babone uko

bakongera kwororoka. Uwatera inkotanyi igihugu cyahinduka akaduruvayo k'ibibazo, maze mukuzifata mpiri bikoroha, usibye ko bigomba kwiganwa ubushishozi, nkuko bizwi ubuhubutsi bwazo bushobora kubyara ingorane nyinshi, umuntu akaba atarangiza atibajije kubivugwa na batutsi babaga mu Rwanda mbere y'intambara nonubu abo batutsi bakaba babona igihugu cyaritoraguriwe ningegeza zivuye mu shyamba. Ubwo uwo mututsi yibaza aho aya naho aya akahabura.

Urujijo rero : mu Rwanda si umuhutu udafite amahoro gusa, kuko n'umututsi ushyira mu gaciro iyo atekereje ibibazo akabiburira umuti yibaza icyo FPR bivugaga akayoberwa. tubitege amaso wenda twagira amahirwe ikibazo kitarangira mu mahoro gusa.

Ngeze Hassan. san.

- zagize ibendera zaryo, kugira ngo byemeze amahanga ko itavangura, maze bayibye ibitaro byo kumara gahutu. Koko rero KANYARENGWE ahangayikishije u Rwanda.
3. Yavuze yuko BISERUKA NA RIZINDE batazapfira muri gereza ahubwo ko igihe kizagera bakabohozwa n'abantu bazaza bagafungura gereza bakabajyana. kandi ngo icyo gihe, azaha ari ku mwero w'amasaka. "Bwaracyeye rero biraba koko".
4. Yavuze ko ubutegetsi bwa HABYARIMANA, igihe buzajyibwamo n'umugore akagera mu bushwariheri (mu bushorishori) buzaba bugeze mu marembera. UWIRINGIYIMANA Agathe yabuyezemo koko "BUKEYE BIRABA".
5. Yavuze ko hazaba intambara izajyana no guhirima ku butegetsi bwa HABYARIMANA ko izamara iminsi itatu gusa" aribyo yagereranyije n'imvura y' iminsi itatu" Koko rero yaragenekereje, nako ni mu mvungo y' abahanuzi

intambara koko yamaze amezi atatu afunze. Intambara yatangiye le 07/4/1994. Amezi atatu yuzuye.

6. yavuze yuko igihugu cyizategekwa n'umuntu uturutse hanze y'igihugu. Abaragurisha umutwe ntibatinyanya kuvuga yuko ari KANYARENGWE abandi bakavugaga umwami KIGELI. Nyamara uko byayenze bibara umupfu bwaracyeye biraba.
7. yavuze yuko abanyarwanda bazahungira mu majyaruguru y'igihugu, bazapfamo benshi. Bwaracyeye biraba koko, kuko abahungiyeho i GOMA icyorezo cya MACINYA cyabacuzemo inkumbi.

### IBYO UBU DUTEGEREJE

1. Yavuze yuko ubutegetsi bw'uwo muntu iturutse hanze butazamara yihe kinini. Ko ndetse atazabwo n'umwero w'amasaka. Igihe rero cy'uwo mwero cyiregereje. Ese mama bizaba byo cyangwa se hoyo ! TUBIHANZE AMASO.
2. Yavuze yuko hari ubwoko buzashira mu Rwanda. Ni

abatwa, ni abatutsi, ni abahutu ? ntwamenya. Gusa ntawashyigikira yuko hagira ubwoko na bumwe bushira mu Rwanda, kuko bose hamwe ari ibyiza by'u Rwanda. Ariko rero hari abantu ubu ubona bitwaye nkaho bashaka yuko ubwoko bwabo bushiraho.

3. yavuze yuko nyuma y'ubutegetsi bw'uwo uzaba aturutse hanze mu gihugu hazabaho amahoro atarigeze abaho mu Rwanda kuva rwabaho, kandi koko, uzaha yararokotse izabaho neza. Ibi rero abihuje n'abantu benshi

bamaze iminsi babonekwe berekwa ibizaba ku Rwanda mu muni iri imbere. Tubihanze amaso rero. Turasaba kandi uwaba azi neza koko ibya magayane ko yazaba itugezaho ubutaha

## BIMWE MU BIMENYETSO URUKIKO MPUZAMAHANGA RUZAGENDERAHO BYATANZWE NA MATATA.

### IBURA RY'ABANTU BAFATWA N'ABASIRIKARE CYANGWA ABASIVILI (Disparitions ou Executions sommaires et arbitrales)

Duhereye intabara irangiye muri NYAKANGA habuze abantu benshi bafashwe n'abasirikare nijoro. Hari n'abafatwa ku manywa n'abantu bambaye "gisivili ariko bavuga ko ari abasirikare, abakada, D.M.I n'ibindi... Kuva muri NYAKANGA Guverinoma imaze kujyaho, twabaruye abantu benshi babuze cyangwa bishwe, tugarageza no kubashakira muri za Gereza n'ubu nturamenya irengero ryabo. Dutange ingero nkeya zinyuranywe :

1) RUTAYISIRE Jorji (49 ans) ukomoka komini CYIMBOGO-Cyangugu akaba yaratuye muri Rugenge, Komini Nyarugenge - Kigali. Ni mwene Rugemintwaza Gerard na Mikandekezi Barbara. Afite umugore n'abana 8. Yafashwe ku ya 18/7/94 saa mnye (10h) n'umusirikare wambaye "civi" wiyitaga Gilbert MUTERAHEJURU aya kumufungira ahantu hatanzwe muri Segiteri RUGENGE. Afandi GASHAYIJA wari uhafite ka Burigade hafi aho yarashakishije arahaba. Abantu bakera ko yabanje kumufungira muri "Konteneri ili imbere ya Bar LASVEGAS ili hafi y'amazu ya MINIRAPE araho. Asize umugore n'abana 8.

2) HITAYEZU Gerard wari Komanda w'ikibuga cy'indege i KAMEMBE yabuliye i Kigali le 12/9/94. Ntawe uramenya irengero rye.

3) KALIMUNDA Gerard, umucuruzi ukomeye i Kigali, yafashwe le 19/7/94 na Liyetona ADAMO aherekajwa na Escorte we. Bamukuye iwe mu rugo, kandi hamaze kwandikwa "amabaruwa 2" ya Ministiri w'Ubutabera asaba abashinzwe gushakisha irengero rya kalimunda Gerard.

4) NGILINSHUTI Vedaste alias

"Yeze" (wahoze ari umukozi wa Primature) yabuliye i Kigali le 29/9/94 agiye kugura imiti. Yari amaze iminsi afatiwe kuli bariyeri Butare.

5) NGAMBE Leonidas wari wafashwe le 28/8/94 (azira ko asa na "mukuru we" Hategekimana Boniface, Adj.Chef mu ngabo zatsinzwe) yaje kurekurwa le 19/10/94 arongerera afatirwa aho imbere ya Gereza ya Kigali ako kanya n'abasirikare. Bahise bamwinjiza mukigo cyabo cya MUHIMA. Kuva ubwo ntawe uramenya irengero rye.

6) MUTABAZI Pierre Claver (wari utuye Segiteri Nyabisindu, komini MURAMBI - Byumba) yaje kuburana n'umugore we "batwawe n'abasirikare muri Nyakanga 94 ni joro. Kugeza ubu ntawuzi irengero ryabo.

7) RWAGASHAYIJA Alexis (wari Perezida wa MRND-MURAMBI akaba na Dirigitari wa CERAI-kiziguro) yafatiwe iwe mu gicuku n'abasirikare mu mpera za Nyakanga 94. Kugeza ubu ntawe uzi irengero rye.

8) NSENGIMANA Emmanuel (Veterinaire wa komini Murambi-Byumba) yaburanye n'umuryango we wose n'abashyitsi baraye iwe mu ntangiriro za KANAMA 94. Kuva abasirikare bamuyyana nijoro ntawe uzi irengero rye.

9) RUTINDUKA Claver (wari utuye i Gasogi - komini KAYONZA-Kibungo) yabuze mu ijoro rya le 1/9/94 ajyanywe n'umusirikare batamenye izina. Ntawe uramenya irengero rye.

10) BENIMANA Ladislav (47 ans) n'abana be bahiri BENIMANA J.Claude (18 ans) na BENIMANA Rosine (14 ans) batwawe n'abasirikare mu ijoro ryo ku wa 4 rishyira ku wa 5/8/94 muri segiteri

NYAKABANDA, selire Kabuguru - Komini NYARUGENGE-Kigali. Ntawuramenya irengero ryabo.

11) NSENGIYUMVA J. Damascene, wafatiwe iwabo i BUTAMWA muri segiteri Kigali agafungirwa i Butamwa le 6/9/94. Akahava le 8/9/94 none kuva ubwo kugeza uyu muni nta rengero liramenyekana.

12) MUSABE J. M. Vianney (20 ans), umubaji utuye ku Kimihurura, segiteri Kimihurura, Komini NYARUGENGE - Kigali, wafashwe le 7/8/94 bamuziza ko ngo yagiye kuri bariyeri mu ntambara. Yabanje gufungirwa kuli Position y'abasirikare ili ahahoze ALICOM ku Kimihurura. Hanyuma hali uwafunguwe avuye muri Camp KAMI avuga ko amusizye. None twayobewe irengero rye.

13) TWAGIRAZEYU J. Bosco (29 ans) umukanshi wafashwe le 14/8/94 (akaba mukuru w'uyu Musabe) azira ko yabohoye imodoka Peugeot 304 yubururu maze akayishakira ibyangomba by'ibihimbano. Nawe yabanje gufungirwa kuri ALICOM hafi ibyurwera 2. Nawe hali uwigeze kumurabukwa muri Camp KAMI, none ubu ntawe uzi irengero rye.

14) GARAGANJE Marc wavutse 1965 akaba mwene MUROHYI Dismas na KASINE Madalina ukomoka i RUGOBAGOGA muri komini MUSAMBIRA-Gitarama, wafashwe n'abasirikare none akaba yarabuze muri Nyakanga 94.

15) NIZEYIMANA Sumayire wavutse 1965 akaba mwene Murohyi Dismas na Nakabonye Assumini ukomoka i RUGOBAGOGA muri Komini MUSAMBIRA-Gitarama nawe yabuze amaze, gufatwa n'abasirikare muri NYAKANGA 94.

### IBURA RY'ABANTU RISHIGIYE KU "BWAMBUZI BWIMITUNGO"

Nubwo muri Gereza z'u Rwanda hafungiyemo abantu bazira imitungo yabo, hari aho twashakishije hose tubura irengero ryabo. Abenshi muri bo rero bagiyeye bazira "imitungo yabo" yigabijwe n'abandi (nk'amazu, amamodoka, amasambu, n'ibindi...). Ubwo bugizi bwa nabi bukorwa ahanini n'abasirikare bafatanije n'abasivili (bene wabo) banyereza abantu bagamije kubambura "ibintu byabo". Nubwo habuze

abantu hatagira ingano, reka dutange ingero nkeya.

1) KAYIBANDA J.M. Vianney, mwene Kalibushi na Kajangwe (Umukozi wa MINIFOPE) ukomoka muri Komini RWAMIKO-Gikongoro akaba yaratuye ku KICUKIRO - NYARUGENGE - Kigali. Yafatiwe ku Kicukiro kuwa gatanu le 2/9/94 yagiye kureba abamubereye mu nzu ye ili

iruhande rwa OPROVIA-Kicukiro imbere ya Station ya Essence. Yari kumwe n'umukozi wa OPROVIA witwa GAKUBA Geoffrey wamwerekaga "abanyarwanda bahungutse" bamubereye mu nzu, basangira agacupa muri Butiki. Hali umusirikare (Kadogo) waje aramufata amujyana mw'icumbi ry'abasirikare ryari hafi aho kuli bariyeri ili imbere aho ya Station. Kuva ubwo kegeza ubu ntawe uzi irengero rye.

2) MUGIRANEZA J. Claude (30 ans) na HABIMANA J. Marie (28 ans) bene RUSATSI bali batuye muri Segeteri RUGENGE ku "Kabasengerezi" Komini NYARUGENGE - Kigali, bahafite amazu yabo yubate mw'isambu y'umulyango wabo. Bafashwe n'abasilikare ku ya 19/9/94 saa kumi n'imwe za mu gitondo baherekejwe n'umwe mu bantu bali barabohojwe amazu n'ibintu byalimo. Babanje gufungirwa mu mazu ya MINITRAPE aho muri Rugenge hafi ibyumweru bibiri birenga. Abagore babo bakomeje kuhasiragira babagemurira ariko abasilikare bakabirukana.

-Nyuma yaho ngo hali uwabobonye bashorewe berekeza iya KACYIRU. Kuva ubwo kugeza ubu ntawuramenya irengero ryabo. Twashakishije no muri Gereza turahabwa, kandi n'imiryango yabo yarashakishije. Twaje kumanya ko na Se wabo ubabyara RUSASTI yaje kuburira muri Koleji ya Mutagatifu Andrey aho FPR yakoranirije abantu ikimara gufata umugi.

3) NSENGUMUREMYI Joseph (mwene NTVUNWA Vincent, umucuruzi w' CYANGUGU) yabuze mu ukwakira 1994 agerageje "Kwishyuzwa ubukode" abantu

hamubohoreje amaduka Se yabasigiyeye ari imbere yiduka rya GAKARAMA Juvenal mw'ikoni ligana kuli "Criminologie". Iryo "bura" ryahajwe "bene nyina" inyuma y'igihugu.

4) MUSHUMBA Esri (umucuruzi w' uharariye BRALIRWA mu Ruhango) yaburanye n' umuryango we wose muri NZELI 94 batwawe n'abasilikare babashutse ngo reka "babimure" Interahamwe zigiyeye kurwanira aho atuye muri Selire GIKOMA, Komini NTONGWE-Gitarama. Hashize iminsi ibili abo basilikare baragaruka, batwara imodoka ye yivutirye, batwara n'ibitoke ngo baramungemuyeye. Umuhungu we wari mu Nkotanyi, yahise ahungu.

5) BAZIMENYERA Froduald, umucuruzi i Kigali, ukomoka muri Komini NYAKABANDA-Gitarama, yabuzwe m'UKWAKIRA 1994 kubera impamvu zitazwi. Umulyango we washakishije muri Gereza urahabwa.

6) IDAHUMBIRA Deogratias (umushoferi ukomoka ku NTENYO, Komini TAMBWE-Gitarama) wari utuye ku MUMENA, Komini Nyarugenge - Kigali, yaburanye n'imondoka yakazwe ya PNUD yaratwaye ku 1/11/94 aya ku kibuga cy'indege i Kanombe.

## I. NGESO YO GUFUNGIRA ABASIVILI MU BIGO BYA GISILIKARE (Sequestration des civils dans les camps militaires de l'APR)

1) Gufungwa bikorwa kw'ibintu aho "gufungirwa mu kigo cya gisilikare" byo bitera agahinda. Abahungu n'abababwira ntibagwemo, nabo byabateye ubumuga batazakira. Twabonye ubuhungu bw'ibintu n'ibimenyetso bihagije byerekana ko na nyuma yifungurwa rya za Pariki za KIGALI, GITARAMA, RWAMAGANA, KIBUNGO, na BUTARE, n'ishyamba rya za Burigade za Jandarumoni, abantu batagira ingano bakomeje gufatwa no gufungirwa hose, nubwo ba Komanda b'ibigo bakomeza guhakanisha "uburyarya" go nta mfungwa z'abasivili bafite.

2) IMPAMVU zibiterwa ni nyinshi reka tuvugye iz'ingezi: -Hafuwa ry'abakerekwaho ibyaha bikorwa n'abasilikare batajijukiwe n'ibyamategeko, kandi abafashwe mbere yo ku ya 16/8/94 nta gereza ninwe yali ikinguye ya kubakiriramo. Ku ya 16/8/94 nibwo Gereza ya Kigali yafungurwe ibanziliza izindi nkya Butare na Gitarama;

-Abantu benshi bafatwa n'abasilikare (bababwira n'ishuti cy'abavandimwe babo) akenshi nta bimenyetso bibahama bihali bihagije. Bityo kubashyikiliza za "Burigade" bikabagora no kubashinje kuli za Pariki bikababana insobe, noneho bagahitamo kubafungira aho bishyikira kandi hadasabwa ibimenyetso bibagora. Ni nayo mpamvu bene izo mfungwa zitinda mu maboko yabo iyo zitanayagumye ngo zihambwe mu ibanga. -Ikibazo cyo "kumvisha no kwihimura" kubo mutumvikana gituma umusilikare yifatira umuntu akamwizilikaho nk'itungo rye. Abafunzwe batyo nta "dosiye bagira", barakubirwa, bakicishwa inzara ndetse byazamba bagapiramo.

-Ironakoko ligaragara ku basilikare bakoya naryo bitatera guhohotera abantu benshi mu rwego rwo "guhashya ubwoko" bwagaragayemo abicanyi benshi.

-Inda nini n'umurumba w'abasilikare na ba "AFANDI" bamwe na bamwe bizihiywe cyangwa bashishikajwe no kwambura aho barusha intego "imitungo yabo". Birumvikana ko, nubwo habaye itsembamunga, hali abasilikare bafite imiryango yabo baturukanye hanze cyangwa bashoboye kurokora umuvandimwe umwe n'umwe. Iyo ubwabo n'abo bavandimwe babo bakenye aho baba n'abababwira, birwanaho "bushugulika cyangwa babohowa" hafi igihe barengera bakambukira hejuru y'umunyatege akoya cyangwa undi utagira kirengera". Habonetse n'abababwira babababwira mu rwego rwo "KWIHIMURA, KWUMVISHA, NO KWIGWIZAHU UMUTUNGO".

3) Ingorane bene izo mfungwa zihura nazo: -Guhondagurwa no gutotezwa bikabije; -Kutagira "dosiye" kuko benshi nta "bazwa" bakorerwa (sans interrogatoire); -Kwibagirana (ababafunze ntibongere kugaragara ngo nibura bagire icyo babashinje wenda niyo cyaba "ikinyoma") ku buryo n'abashoboye gutoroka cyangwa kurekurwa (ali nabo batugajejeho ubu buhanga) batakulikiranwe cyangwa ngo bamenyekane kuko ntabwo babaga banditse. -Kwicwa n'inzara, inkoni n'ibikomere, indwara n'umwanda wo kudahabwa amazi yokunywa cyangwa kwisukura (n'abababwira ibintu bakabura icyo babinyweshya); -Guhagaliye umutima bibaza niba batalibwicwe cyangwa bazashyikilizwa inzego

7) HABIMANA Modeste, umukozi wa MINIPLAN ukomoka ku KIBUYE akaba yari atuye Segeteri CYAHAFI, Selire Akakilinda, Komini NYARUGENGE Kigali muni y'Ishuri ry'Iposita.

-Yabuze ku 26/8/94 asubiye kumvikana n'abamubohoreje inzu ye. Ubwo kandi nawe yarahunze avuye iwabo ku Kibuye aho yari yarahunze. Mushiki we aremeza ko HABIMANA yaburanye n'umukozi we bajyanye, kandi ko baba balinjiranye muri iyo nzu ntibayisohokemo. Twabajije abaturage batugajejeho iyo nkuru, batubwirako byabayobeye bakabura n'uko bajya kurega kubera ubwoba bafitiye "abanyarwanda bahungutse bava i Burundi". Muri icyo minsi ngo barahanyuraga bakumva umunuko, aliko babura uko babyifata, none HABIMANA Modeste yarabuze burundu.

8) NDAHIMANA Isaie (umwubatsi wari utuye i Gikondo) yatwawe n' abasilikare ku 8/9/94, turashakisha i Kigali turahabwa nibwo ARDHO yiyambaye Service y'Ubutasi bwa "gisilikare" yitwa D.M.I. Kugeza ubu nacyo iradusubiza.

Zubucamanza.

4) Hali ibigo byaranzwemo imfungwa nyinshi z'abasivili:

- Uretse ko mu bigo byose no ku "macumbi menshi" y'abasilikare habonetse imfungwa z'abasivili, hali ibigo byagize akarusho: -Camp KANOMBE yigeze kugira imfungwa z'abasivili ya 300 na 500 muri NZELI n'UKWAKIRA 94. Hafungurwa kandi hafunze abaturage benshi bo mu ma Komini ya RUBUNGO, KANOMBE, BUTAMWA, GIKOMERO, GIKORO na BICUMBI cyane cyane, hazagamo imwe na imwe n'abaturutse mu yandi ma komini y'umuryango wa Kigali (PVK) cyangwa Kigali-Ngali. -Camp KACYIRU nayo hafungurwa abantu bagera ku ijana (100) muri KANAMA na NZELI 94. Kugeza na nubu kandi hakomeje gufungirwa abasivili bakomoka ku KACYIRU. Hafi na bamwe mu ngabo zakera bagiyeye hafungurwamo mbere yo kwimurirwa ahandi.

-Camp KIGALI na Camp KAMI nazo zafungurwemo abasivili batagira ingano bamwe bazira kwamburwa ibintu byabo, abandi bazira gutungwa "agatoki" n'ababarega ukuli cyangwa ibinyoma.

-Muri "Position" z'abasilikare kuli Mont Kigali nabo hafungurwa abasivili benshi bafatirwa za Nyakabanda, Nyamirambo na Segeteri Kigali, etc...

5) Ba "Maneko" ba "D.M.I." nabo bafashe abantu benshi "batitaye kubakoraho iperereza, nyamara babifitiye ubushobozi ugereranije n'izindi nzego z'iperereza. Ingero twatanga ni nyishi, uwazishakira muri

Gereza ya RILIMA n'ya KIGALI yakwandika akaraha.

2) Muli Gereza nk'iza GITAMARA, RILIMA, KIGALI na BUTARE habonetsemo "imfungwa zidasanzwe", zigizwe ahanini na bamwe mu "bacamanza, abategesti bakomeye cyangwa abahoze alibo n'Abihayimana. Bene abo banyururu badasanze "badutangaliye ko barengana ku mugaragaro" kandi ko bafashwe mu buryo bunyuranije n'amategeko. Kuli bo basanga batazira "irondayaha" ahubwo bazira "irondayaha" ligamije guca intege "abahutu bo mu cyaro" bakomeje guhunga akubona babona n'abategesti "bahutu" bitwaye neza bafatwa bagafungwa nta bimenyetso bibahama "uretse imvugo y'abarega gusa". Nubwo tutabavugaga hose, reka dutange ingero nkeya nibura:

a) Bourgmestre wa GATARE - Cyangu, RUGWIZANGOGA Fabyani, wali washubijwe ku mwanya we kuko yitwaye neza, akaba yaranabujije abaturage be guhungira muri Zaire ibegerereye. Twibutse ko icyo Komini ya Gatare yali igishobora guhamba abakozu bayo hose balimo n'abapolisi ba Komini. Yafashwe ku ya 29 UKUBOZA 94 none ubu afungiyeye muri Gereza ya BUTARE.

### IFATA NIFUNGA BITAGIRA ISHINGIRO (Arrestations et Detentions arbitraires)

1) Imfungwa nyinshi muri iki gihe n'iziregwa ibyaha bitifanye isano n'itsembatsemba ryabaye muri MATA ikageza muri NYAKANGA 1994. Ku mfungwa zirenga 23.000 zafashwe mu byiciro bibili halimo zigice gitubutse cy'inzirakarengane zabeshyewe kubera impamvu zinyuranye, cyangwa zazize umutungo wazo:

a) icyiciro cya mbera kigizwe n'abantu bafashwe hagati ya NYAKANGA n'UKWAKIRA 1994. icyo gihe "abarega ababakereye cyangwa ababakereye gusa" bahawe umwanya wo "gutanga abagizi ba nabi" ubwo iryo "tangwa" ryali ryatangiyeye muri MATA 94 m'uturere twose FPR yagiye yigarurira kuva icyo gihe. Mu UKWAKIRA 94, "abategesti" bumaze kubona ko hafi "abakabya guhohotera abandi" bwagerageje gusaba ko nibura "urega yajya atanga abagabo batanu (5) bashinje "uregwa". Ibyo byagabanije umurego wifata n'ifunga, ariko n'ibyashimishije igice kinini cy'abapfushije ababo mw'itsembatsemba. Bakomeje kubyinubira noneho hagoboka "IMBYINO" ngo "nta muhutu utalisha cyangwa ngo ajye kuli banyeri" iterwa kandi ikikizwa n'abo "irondayaha" lishya ryagize ingaruzwamuheto" (extremistes).

b) icyiciro cya kabiri kigizwe n'abantu benshi bafatwa mu kintu gisa n'umukwabu (raffles) guhera mu UKUROZA 94 kugeza ubu:

Muli iki gihe "kurega umuhutu birorohyeye cyane" kandi si ngombwa ko bikorwa n'abatutsi gusa (uretse ko bo ntabagitinyuka

b) Ex-Bourgmestre wa MUSAMBIRA - Gitarama, NYANDWI Justin wanzwe gushyigikira ubwicanyi muri Musambira agahitamo guhunga Interahamwe zamuteye iwe ku ya 20/MATA/94. Leta y'Abatabazi imaze kumwirukana ku mugaragaro ku ya 18/6/94 yacikiye Interahamwe ku KIBUYE, CYANGUGU na GIKONGORO, akomeza kwihishaho akizwa n'Imana. Yahungutse ku ya 20/8/94 yarakereye no kwiyambaza MINUAR na HCR Agihunguka, abaturage baramwishimiye bizera ko azongera kubayobora. Ni nayo mpamvu akeka ko "ibyo byaba byarateye ubwoba Bourgmestre w'agateganyo Kalisa Maritini (umugogwe wacitse kw'icumu abikesha Nyandwi wamuhungishije ngo batamwica) Umuyobozi w'Agateganyo KARISA MARITINI yahise amwitura icyo neza amushakira ibyaha afungwa ku ya 9/1/95. Yuhereye muri Gereza ya Gitarama igitaraganya ku ya 11/1/95 ngo hatazagira abamurwanaho bakamurengeza. Araregwa ibyaha binyuranye aliko nta bimenyetso bimuhama.

c) Umucamanza m'Urukiko rw'Ubujulire i Nyabisindu, NKUNDIMFURA Anaclet wafashwe ku ya 16/12/94 na Liyetona BAGABO wali umukuru wingabo mu

kubarega cyane icyo bakosheje. Mu iperereza twakozwe, twatahuye udukiye tugizwe n'Abapfakazi n'Imfubyi dukorana umwete nk'uwa "Amashyirahamwe atanga kandi agashinje abantu." Twibajije impamvu nk'abantu bacitse ku icumu bakomeje kubona n'abaturanyi babo mu "nkambi FPR yali yarabakusanijijemo" bakalinda bataha ku "mirenga yabo" muri NYAKANGA na KANAMA 94 "batabatanzwe", noncho "ubungubu" bakaba halimo "kubafungisha umusubizo", dusanga hafi impamvu zikurikira z'ingizi:

-Irondayaha ryakuruye n'itsembabaga ligaragara mu myifatire no mu mitima ya benshi cyangwa "iyigishwa" n'abagitsimbaraye ku bitokerezo bigufi (Stupides) bishingiye ku moko (extremistes);

-Iyo hafi ibimenyetso bibonetse bikererewe cyangwa babwiwe cyangwa "akagambane" k'abantu "binginga abandi cyangwa babagurira" ngo "batange runaka".

-Inzangano, ishyamba, ikinyoma, kwihimura n'umururumba bisanzwe mu bantu;

-Inda nini yo gushakisha inyungu mu "mitungo y'abandi".

Muli iki "icyiciro cya kabiri" rero niho habonekamo igice kinini cyane cy'abafunzwe barengana n'abandi bako bazira ko banyere inyama cyangwa bagasahura udukoresho two mu rugo gusa.

c) Muli ibi byiciro byombi imfungwa zigizwe n'Abahinzi, Abafimu, Abacuruzi, Abakozu ba Leta n'Abimilyango itagengwa na Leta.

akarere ka S/Prefegitura RUHANGO, agahitamo amwambura imodoka ye Hilux Camionnette, agafungirwa muri Gereza ya Gitarama ku ya 19/12/94. Umutungo wa uli i Nyabisindu aho yaratuye wabohojwe n'abasirikare bi Nyabisindu, we atarirwa kandi afungirwa mu Ruhango.

d) Superefe wa Ruhango, KORONI wafashwe ku ya 14/2/95 na Suliyetona BOSCO mu Ruhango aho yari mu nama i Kigali. S/L BOSCO rero yamutwaye muri tekiniki yuburya budasobanutse: ababwirako ngo naze i Gitarama baramushakira kandi aho yari yanyuze aya i Kigali. Twibutse ko S/Prefet KORONI yamaze icyo gihe muri uwo mwanya imyaka myishi akaba yarayikoze muri GITARAMA. Veli yashubijwe ku mwanya we muri KANAMA 94 kubera "imyifatire myiza" mu ntambara. Mufungirwa rero habonetse abamushinje urupfu rw'abaturage GATAMBIYE wabohojwe ari umuganyu i Kigali. Gatambiye rero yazize Interahamwe zamwishye amaze kuva mu modoka ya S/Prefecture Ruhango, KORONI yari yariye S/Prefet mushya agiye i Gitarama. Yavuye n'Interahamwe zizwi mu Ruhango KORONI na SUZANA.

e) Padiri Mukuru wa Paroisse BYIMANA, Padiri NDAGIJIMANA Joseph wafashwe ku ya 9/2/95 ashinje ko ngo yaba yalishye abantu mu Byimana n'Kabagayi. Igutangajye rero nuko aregwa n'abantu babanyere mu nkambi ya BUGESERA kuva FPR yigarurira Komini Mukingi bakalinda bahunguka muri KANAMA 94 betamutanzwe.

Ifungwa ryaba bagabo rero ryakuye umutima abantu benshi babibonamo irondayaha aho kuba "Irondayaha".

Muli Kasho za Burigade no muri za Gereza hamaze nabi cyane. Nko muri za gereza ho harapfa abantu benshi kubera imfungwa zitakigira uruhemekero. Abapfira mu buroko nabo bazize intege nke zituruka ku nkoni (bakubitwa babazwa cyangwa bafatwa), inzara, indwara no kubura kivulira nabo bamaze kuba benshi kuburyo bateye impungenge n'agahinda. Benshi bafunzwe batarabajijwe kandi nta iperereza likozwe ngo kubera amikoro make. Nyamara harahaboneka ubushake buke, urugomo no kwihimura. Abantu bakabakaba 1200 bamaze kugwa muri za Gereza za KIGALI, GITARAMA na BUTARE. Hafungwa abarenga 1300 muri cyumweru kandi nta bafungirwa baboneka. N'iki Kigali bashyizeho "Komisiyo igerageza" gufungura babiri cyangwa bane ku munsu" muri Gereza ya Kigali huzuyemo imfungwa 7.200 hafi.



**IBIMENENYETSO BIGARAGAZA KO HARI IRONDAKOKO RYIBASTIYE  
ABAHUTU MU GIHUGU HOSE**  
(Rapports et Temoignages attestant la persecutuion contre les hutu)

"Ikishe u Rwanda n'ugutinya "kuvugisha ukuri" uko ibibazo biteye ikizahaje abanyarwanda n'uko barebera "ba rusarurira mu nduru" babajijisha bakoresha imbyinoo z'irondakoko ngo aha bararwanya "inyenzi" cy interamwe". Urwishe ya nka ruracyayilimo koko" ni IRONDAKOKO.

Muli iyi minsi kuva "Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda" yajyaho nta bwisanzure bwo "kuvugisha ukuri" bwigeze bubaho. N'ababiigerageje, baracekeshejwe bahabwa "gasopo" bituma abandi batinya, baryumaho. Ugerageje kwerekana ibitagenda neza cyangwa agaragaje ko hari abaturage barengana, bamwotsa "igitutu" ngo ararenger a Interahamwe. Mbese bimaze nko hambere basebya "Imiryango Irengera Ikiramwamuntu ngo "Irengera Ikiyemwa-tutsi" gusa, n'ubu rero harababona "abarengera ikiyemwamuntu" batungutse nko kuri "Burigade cyangwa muri Gereza" bakabareba ikijisho ngo ubwo baje "kurengera Interahamwe" zihafungiywe, bakiyibagiza ko n'imfungwa zigira uburenganzira bwazo. Nyamara umuntu niyo yaba ari mu gihano, abashinze gukurikirana abagizi ba nabi bazabigeraho bate mu gihe hatashoboraho "kurengera abere"? Abatarangwaho icyaha "ntibitwe abicanyi" (kubera abakurira irondakoko ribafitiye Inyungu), imanza zose turimo kwitegura "zizata agaciro".

"Uvuze ko nyir'urugo yapfuye, siwe uba umwisha" rekā twerekane ukuntu "IRONDAKOKO" ryongeye guhabwa intebe mu Rwanda "abategetsi n'abanyarwanda bose" babirebera kandi babigayya ku mutima ariko bagatinya kubivugana no kubyamagana ku mugaragaro, ngo batahasiga agatwe:

1) Nubwo abanyarwanda bacitse ku icumu ry'itsemba-imbaga bafite intimba ikomeye ku mutima, nibwo wasangaga bihanganyira kongera kubana mu mahoro batabujije ko "abagizi ba nabi" bahanwa by'intangarugero. Nyamara "abambari bashya b'irondakoko" bamaze kudutoza ingeso mbi yo "kwironda bitewe n'inyungu zinyuranye bakurikiranaye (Kuramba kubategetsi butanga umukiro).

Niyo mapamvu iperereza ryacu rimaze gushyira ahagaragara ibi kurikira:

-Amashyirahamwe "arega kandi

agashinja abantu" yagaragaye m'uturere twose tw'igihugu, akaba amaze nk'ayabitojwe na ba "extremistes" kabuhariwe bashobora kuba bafite uburyo bakoramo, bazenguruka igihugu cyose (bakoresheje abasivili cyangwa abasirikare-filieres civiles et/ou militaires).

- Komite "zafatira cyangwa zifatisha abantu aho bategera imodoka no ku masoko": Urabyemera azajye muri za Gereza ya KIGALI, RILIMA, BUTARE na CYANGUGU yirebere imbaga y'abantu bafashwe n'utwo "dutsiko tw'insorese n'inkumi" dukorana na ba "maneko" n'abasirikare bahora bategereje aho bafata "baturutse m'uturere tw'ibabo" cyangwa abaketsweho udafaranga (nk'abaje gubaha cyangwa kurangura utuntu).

- Abantu b'abatutsi cyangwa "abiyita bo" bakora nk'amabandi bagafatanyaga na bamwe mu basirikare cyangwa abajandarume, bagafata, bagafungisha cyangwa bagakanga abantu bamije kubakuraho amafaranga cyangwa ibintu by'agaciro. Ingero ziboneka hose:

a) Muli PEREFEGITURA ya KIGALI (dutange nkeya):

Komini NYARUGENGE, Segiteri Kimisagara, hari abasore BAYIHOREYE Idrissa na HARUNA bajubijije abaturage babahohotera babafungisha ngo nuko bakorana n'abajandarume ikibazo cyabo kimaze kwigwa mu nama ebyiri za Segiteri. KOMINI KACYIRU, Segiteri Kimihurira, selire Rugarama hali abasore bahohotera abagenzi cyangwa abanywi (bitewe no kubareba ku mazu-ru) babita ibipanga ngo birimo gukora amanama yo gukuraho ubutegetsi-butaho; Segiteri GATSATA, hari "ishyirahamwe ritanga abantu" niyobowe na Madame MUKAKALIMBA Giorose bita "Mama Didi" nkabamo abitwa "FELICITATIONS", NTAGANDA, PIERRE, NSHONGORE na DAMASENI bakorana cyane na Service ya Criminologie na Burigade ya Nyarugenge.

b) Muli PEREFEGITURA ya GITARAMA (NAHO TUBAHE INGERO NKE):

-Komini NYAMABUYE, Segiteri Gitarama hali abasore bacitse kw'icumu RUZINDANA na MAKUZA bigize ibigiramanana, abaturage bakabaturaga ngo barebe ko babaho kabili badahohotewe;

-Komini TAMBWE, hali RUZIMA (Secretaire wa Komini) uwo adashatse n'icyo adashakira nibibaho ku buryo arusha Bourgmestri uburemere;

-Segiteri NTENYO hari HARAGUSENGA (hutu) yicishije abantu benshi azana abasirikare muri icyo segiteri, abandi abamarishiriza mu munyururu ngo

arihakirwa ku batutsi.

Segiteri BUHORO, selire Ntinyinshi hari NYILIDANDI n'umuhungu we SHYAKA basahuye kwa Nkundukozera Sabini bamaze kumufungisha, bamusahura inka 13 (bagarumano 4 Komini ihagurutse yerekanye ko arengana) imyaka n'ibintu byo mu nzu. None ubu yagombye kubahunga. Komini KIGOMA, Segiteri Remera, Selire Nyamagana hari "agakipi" gakorana n'abasirikare b'i Nyabisindu karimo NICYABERA Beatrice, SEBUGWIZA, MPAYIMANA, HABIYAMBERE Epimaki,...

c) Muli PEREFEGITURA ya BYUMBA (tubahe urugero):

-Komini MURAMBI, Segiteri Gakenke, Selire Kiramuruzi hari umusore witwa KAYITARE wirirwa agambanira ku basirikare bahaba abantu no bafungwe "bakoresheje amanama" kubera ko babonye hamwe mu tubari.

2) IFATA n'IFUNGA bikorwa muri iki gihe biratandukira bigafata "bantu batigeze mu bikorwa by'itsembatsemba, ku buryo twazengurutse muri za Burigade na Gereza tugasanga ibikorwa ubu ari "ukwigiriza nkana" kubaturage "b'abahutu" gusa. Iryo hohoterwa ryanagaragaye no muri Komini GITI ya BYUMBA, kandi nta "tsema- mbaga" ry'abatutsi ryahabaye, tukibaza impamvu bamariye abahutu baho mu "buroko".

-Uterere "itotezwa ry'abahutu" rimeze nabi kurusha ahandi:

-Perefegitura KIGALI: Komini GIKORO, GIKOMERO, RUBUNGO, RUTONGO, BICUMBI, na MUGAMBAZI;

-Perefegitura KIBUNGO hafi ya yose ariko cyane cyane Superfegitura ya RWAMAGANA, Komini KABARONDO, KIGARAMA, SAKI, MUGESERA, na BIRENGA;

Perefegitura GITARAMA: Komini NTONGWE, TAMBWE, MUKINGI, KIGOMA, MUSHAMBIRA, MUGINA, KAYENZI, MUSHUBATI, MASANGO na NYAMABUYE;

-Perefegitura BUTARE: Superfegitura NYABISINDU hafi ya yose, Komini NDORA, GISHAMVU, KIBAYI, NYARUHENGERE, HUYE, NGOMA, SHYANDA, MBAZI na NTYAZO;

-Perefegitura BYUMBA: Komini MURAMBI na MUKIYA;

-PEREFEGITURA ya CYANGUGU na KIBUYE nahe hari uturere tugaragaramo itotezwa rihanitse.

Muri utwo "turere twose" Gufunga no Gufungisha abahutu ni nk'umurabyo, kuko ntawe uvuuka akora anketi. Yego muri "utwo turere" habaye itsemba mbaga riteye ubwoba n'agahinda, ariko (tutigijije nkana) abicanyi benshi babonye igihe cyo guhunga, n'abatarabishoboye bagiyeye batoratorwa kuva igihe Ingabo nshya zigihugu zahagereye. Mu bantu bakomeje gufatwa nabi ubu, higanjemo "inzirakarengane" nyinshi.

3) Abaturage benshi bakuwe umutima n'uburyo abantu bagiyeye "batangwa mu turere twinshi, bakagenda ngo bagiyeye

"kubarwa" ntibagaruke cyangwa irengero ryabo ntirimenyekanane. Ubwicanyi bw'abasirikare ba APR nabwo buteye impungenge. Tubahye ingero nko cyane zaturere bwabereyemo kuva hambere.

-Muri Nyakanga 94, muri Paruwasi KAVUMU muri GITARAMA habonetse imirambo imambuye ingoyi (Interahamwe ntizahambiraga zo, zizeraga ubwinski).

-Taliki 13/7/94, abasirikare ba APR bakumbakumbye impunzi zikomoka muri NIYAZO, NGENDA na VUMBI zari mu mugu wa BUTARE, abagabo barajyanwa none ubu barabuze ntwawe uzi irengero ryabo.

-Taliki 22/7/94 abari barahungiyeye kuri Paruwasi ya SAVE habuzemo abagera kuri 200, ntwawe uzi irengero ryabo.

-Taliki ya 8 na 11/7/94 i RANGO muri BUTARE, impunzi zikomoka mu ma Komini ya GASHORA, NGOMA na RUNYINYA zigera ku magana, zarahabuliye kugeza ubu kandi zari mu mahoko y'abasirikare ba APR.

Taliki 24/8/94, aho i Butare na none abantu 8 batwawe n'abasirikare barabura.

-Mu ijoro ryo ku wa 27 rishyira uwa 28/7/94 bafatiye kuri bariyeri, abantu bahungutse bari mu makamyoneti 4, abantu bagera kuri 650 bajyanwa mu ishuri ryo ku Karubanda i BUTARE barahicirwa. Muri ho harabwirwamo abantu 18 "b'abavindimwe na NKiko Nsengimana". Umuyobozi wa Centre IWACU.

-Taliki 25/10/94, abasirikare ba APR bishye abaturage hafi 35 muri Segiteri Gicaranga ya Komini GISOVU - Kibuye "bitwaje ko ngo hari umusilikare" wabo wishwe, ariko nyu byaba byo ntiyakwishyurwa imirambo 35.

-Taliki 11/11/94, abasirikare ba APR bishye abantu 9 bakomeretsa 13 ku isoko rya MUSEBEYA muri GIKONGORO. Hatanze impamvu na none ngo "bushotowe" baturwa amabuye na grenade.

-Muri Perefejitura ya KIBUNGO, guhera muri MATA 94, abantu baratanze kugeza nibu" ntibirahagarara".

-Muri Komini KAYENZI - Gitarama, abagabo barahashize gahoro gahoro, none hasigaye abagore gusa, n'wasigaye ahasha.

Muri Nyakanga na Kanama 1994 muri Komini MASANGO-Gitarama, abantu bagera kuri 197 barabuze mu ma segiteri RUKINA, RWOGA, NYAKOGO, MUNANIRA, KIRWA, KADAHU na KARAMBI.

-Muri Komini MUSANGO, abantu bagera kuri 20 babuliye muri Paruwasi ya MUNYUNZWE muri Nyakanga 94.

-Muri Komini MUKINGI, Segiteri RUGONGWE, Selire NYARUKOMBE, abasirikare ba APR bahishe abantu batagira ingano ku ya 19/6/94 bahambwa mu byobo rusange. Kugeza ubu ntwawe uramenya impamvu abaturage bangana gutyo bishwe harimo abagore n'abana, abasaza n'abakuru nta vangura.

-Taliki 24 na 25 Kanama 94 mu Ruhengeri bishwe abantu batanzwe umubare bazize "ingabo zahoze ari iza leta y'abicanyi", hakomeretse abana babili naho abandi zirabashimuta.

-Muri Komini KAYOVE-Gisenyi, naho hapfuye abasivili bazize amanzaganya.

-Muri Komini RUNDA-Gitarama muri Segiteri KIGESE, hapfuye abaturage barenga 6 bajuganywa mu kiyaga kili hagati

ya Kigese na Ruyenzi cyitwaga CYOGANYONI. Abagiye gufungwa, babashyize muri "Konteneri" ya PSTP Himo ili hafi ya Komini Runda. Ibyo byabaye muri Nyakanga 1994.

Henshi muri za Komini MUSHUBATI, TAMBUWE na Nyamabuye zo muri Gitarama abaturage bishwe gahoro gahoro n'abasirikare kuva muri Nyakanga 94 kugeza mu gushyamba 94. Ubuho niho bibutse "ubuyubumoko".

-Muri Zone Turquoise: GISOVU, KIVUMU, GITESI (muri Kibuye), GIKONGORO na CYANGUGU abantu bishwe n'ingabo za APR bamaze kuba benshi.

Ntwawavugaga hose ngo aharondore kuko hali n'aho tutaragera ngo umenye uko byagenze nuko byafashe ubu. Itibabaje gusa nuko muri aho hose hagezamo "inzirakurungane", mu gihe na none igihugu gishyamba cyarazahajwe n'itsemba-imbaga n'itambara. Abicanyibashya ntibumva ko igihugu cyatakaje "abantu batagira ingano.

4) Urugomo rukorerwa kuri za bariyeri narwo ntirworoshye.

Muri iyi minsi, gutoteza abantu bafite "amazuru magali" nabyo byakunze kuba mu bashinzwe umutekano cyane. Mbese ba "mazuru magali" bafite ingorane ak'izo ba "mazuru maremare" bagiraga kuri bariyeri zo mu gihe cy'ashyirwa. Reka dutange ingero nkeya zibabaye cyane:

-Taliki 5/9/94, muri BUS ya Onatracom yajyaga ku KIBUYE, hakuwemo abantu batanu (5), umwe abasirikare bamukuyemo kuri bariyeri yo mu "CYAKABILI" i Gitarama (avuze ko ari uwa ruguru icyo), abandi bane (4) abasirikare "barabohere" kuri bariyeri yahozze i NYANGE muri Komini KIVUMU, batarayishyira kuri Nyabarongo ahirwa NYABYIYONI.

m'urugabano rwa Komini Kivumu na Mushubati. Ntwamenye icyo babahoye kuko nibura nta byangombwa babajijwe cyangwa nta n'agapapuro baba banditsheho ku buryo umuntu yakaka ko "bashakagwa".

Babarohoye ku "masura" gusa.

-Taliki 16/12/94, hari umusore wavanywe muri Bus KIBUYE kuri bariyeri ya "NYABYIYONI" na none ku mupaka wa Komini KIVUMU na Mushubati. Umudamu yaraherejeje alishyiganya yanga kunyisiga, abasirikare babuze uko bagira baramureka aragenda.

Taliki 7/2/95 hafi saa sita (12h), hari umusore wu ku Kibuye wali uje aherekeje umukuru umubyara i Kigali, bali muri Bus ya Kibuye. Abasirikare bamukuyemo, baramukubita, bamushyira ku ngoyi "idafashe neza", bamufungirana mu nzu babamo hafi ya bariyeri aho. Ku bw'amahirwe, bigeze saa cyenda (15 h) ashobora guca umwenda bali bamuhambirije, anyura mu karyango k'injyuma aratoroka. Buracya nyinginga imodoka imugeza i Kigali asanga umukuru we yarangije kumubikira abavandimwe.

- Muri KANAMA na NZELI 1994 kuri "bariyeri ya CUMI NA GATANU" hafi ya Camp Kanombe, ku gahanda kajya i Ndera, naho hafatiwe abantu benshi bakajya kubafungira muri Camp KANOMBE. Hahamwe umusaza bambuye igare rye yagendagaho, bamujijije "imineke ye yo kurya" ngo aje kunyuma abasirikare ba APR, kandi ataranyuruzaga.

Bene urwo rugoraho rero narwo rugaragaza ko "irondako" icyagajije imitima ya bakozzi b'inze nyinshi cyane.

